ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/MOJ/AG/19 RYO KU WA 16/07/2019 RIGENA IBISABWA KUGIRA NGO HATANGWE URUHUSHYA RWO GUTUMIZA MU MAHANGA, GUKORA, GUTWARA, GUCURUZA NO GUKORESHA INTAMBI MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

MINISTERIAL ORDER N° 013/MOJ/AG/19 OF 16/07/2019 DETERMINING REQUIREMENTS FOR GRANTING AUTHORISATION TO IMPORT, MANUFACTURE, TRANSPORT, TRADE IN AND USE DYNAMITES IN MINING AND QUARRY OPERATIONS

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 013/MOJ/AG/19 DU 16/07/2019 DÉTERMINANT LES CONDITIONS D'OCTROI DE L'AUTORISATION D'IMPORTER, FABRIQUER, TRANSPORTER, COMMERCIALISER ET D'UTILISER DES DYNAMITES DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Intambi zishobora gukoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 4: Ububasha bwa Minisitiri

Ingingo ya 5: Kumenyekanisha impanuka cyangwa ikindi kintu cyabaye

UMUTWE WA II: GUTUMIZA INTAMBI MU MAHANGA

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Definitions

Article 3: Dynamites that may be used in mining and quarry operations

Article 4: Powers of the Minister

Article 5: Reporting of an accident or an incident

CHAPTER II: IMPORTATION OF DYNAMITES

TABLE DES MATIÈRES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Définitions

Article 3: Dynamites pouvant être utilisées dans l'exploitation des mines et carrières

Article 4: Pouvoirs du Ministre

Article 5: Déclaration d'un accident ou d'un incident

CHAPITRE II: IMPORTATION DES DYNAMITES

Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga	**Article 6: Application for a licence to import dynamites**	**Article 6: Demande d'un permis d'importation des dynamites**
Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutumiza intambi mu mahanga	**Article 7: Requirements for issuance of the licence to import dynamites**	**Article 7: Conditions requises pour l'octroi d'un permis d'importation des dynamites**
Ingingo ya 8: Ibikubiye mu busabe bw'uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga	**Article 8: Contents of the application file for a licence to import dynamites**	**Article 8: Éléments contenus dans la demande d'un permis pour importer des dynamites**
Ingingo ya 9 : Gutanga uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga	**Article 9: Issuance of the licence to import dynamites**	**Article 9: Octroi du permis d'importation des dynamites**
Ingingo ya 10: Igihe uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga rumara	**Article 10: Validity of the licence to import dynamites**	**Article 10: Validité du permis d'importation des dynamites**
Ingingo ya 11: Kwanga gutanga uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga	**Article 11: Refusal to issue the licence to import dynamites**	**Article 11: Refus d'octroyer le permis d'importation des dynamites**
Ingingo ya 12 : Ubugenzuzi bw'intambi zatumijwe mu mahanga	**Article 12: Inspection of imported dynamites**	**Article 13: Inspection des dynamites importées**
Ingingo ya 13: Ububasha bw'abagenzuzi	**Article 13: Powers of inspectors**	**Article 13: Pouvoirs des inspecteurs**
Ingingo ya 14 : Gufatira intambi zakoreshejwe mu ikorwa ry'icyaha	**Article 14: Forfeiture of dynamites related to commission of an offence**	**Article 14: Confiscation des dynamites liées à la commission d'une infraction**
Ingingo ya 15 : Kudahabwa uburenganzira bwo kugera ahantu	**Article 15: Failure to obtain free access**	**Article 15: Faute d'avoir libre accès**

UMUTWE WA III: GUTWARA INTAMBI	**CHAPTER III: TRANSPORTATION OF DYNAMITES**	**CHAPITRE III: TRANSPORT DES DYNAMITES**
Ingingo ya 16: Ibisabwa mu gutwara intambi	**Article 16: Conditions for transportation of dynamites**	**Article 17: Conditions requises pour transporter des dynamites**
Ingingo ya 17: Inzira zo gutwara intambi	**Article 17: Means of transportation of dynamites**	**Article 17: Voies de transport des dynamites**
UMUTWE WA IV: IBIKWA RY'INTAMBI	**CHAPTER IV: STORAGE OF DYNAMITES**	**CHAPITRE IV: STOCKAGE DES DYNAMITES**
Ingingo ya 18: Ububiko bw'intambi mu Rwanda	**Article 18: National dynamite store**	**Article 18: Stock national des dynamites**
Ingingo ya 19: Ibisabwa ku bubiko bw'intambi bw'Igihugu	**Article 19: Requirements for a national dynamite store**	**Article 19: Conditions générales requises pour le stock national des dynamites**
Ingingo ya 20: Gusaba kubika intambi ahandi hatari mu bubiko bw'igihugu	**Article 20: Application for storage of dynamites in another premise other than the national store**	**Article 20: Demande de stockage des dynamites dans un local autre que le stock national**
Ingingo ya 21: Ibindi bisabwa mu gutanga uruhushya rwo kubika intambi ahandi hantu hatari mu bubiko bwa bw'igihugu bw'intambi	**Article 21: Other conditions for authorization to store dynamites in another premise other than in the national dynamite store**	**Article 21: Autres conditions pour autoriser le stockage de dynamites dans un endroit autre que le stock national de dynamites**
Ingingo ya 22: Igitabo cy'ububiko bw'Igihugu bw'intambi	**Article 22: National dynamite store register**	**Article 22: Registre du stock national des dynamites**
Ingingo ya 23: Abakozi b'ububiko bw'Igihugu bw'intambi	**Article 23: Staff of the national dynamite store**	**Article 23: Personnel du stock national des dynamites**

UMUTWE WA V: IKORESHWA RY'INTAMBI	**CHAPTER V: USE OF DYNAMITES**	**CHAPITRE V: UTILISATION DES DYNAMITES**
Ingingo ya 24: Ibisabwa kugira ngo wemererwe gukoresha intambi	**Article 24: Requirements to be authorised to use dynamites**	**Article 24: Conditions requises pour être autorisée à utiliser les dynamites**
UMUTWE WA VI: GUKORA INTAMBI	**CHAPTER VI: MANUFACTURE OF DYNAMITES**	**CHAPITRE VI: FABRICATION DES DYNAMITES**
Ingingo ya 25: Gukora intambi	**Article 25: Manufacture of dynamites**	**Article 25: Fabrication de dynamites**
UMUTWE WA VII: GUCURUZA INTAMBI	**CHAPTER VII: TRADE IN DYNAMITES**	**CHAPITRE VII: COMMERCE DES DYNAMITES**
Ingingo ya 26: Gucuruza intambi	**Article 26: Trading in dynamites**	**Article 26: Commerce des dynamites**
Ingingo ya 27: Ingano y'intambi zigomba kumurikwa mu iduka ry'uzicuruza	**Article 27: Quantity of dynamites to be displayed in a trader's shop**	**Article 27: Quantité des dynamites à être exposées au magasin du commerçant**
Ingingo ya 28 Raporo ku icuruzwa ry'intambi	**Article 28: Obligation to submit a report**	**Article 28: Rapport sur le commerce des dynamites**
Ingingo ya 29: Kureka cyangwa gusubika ibikorwa ibyo ari byo byose byerekeranye n'intambi	**Article 29: Cessation or suspension of any dealings in dynamites activities**	**Article 29: Cessation ou supension des activités commerciales**
UMUTWE WA VIII: KUGENZURA UBUBIKO NO KUVANAHO INTAMBI	**CHAPTER VIII: MONITORING OF STORES AND DISPOSAL OF DYNAMITES**	**CHAPITRE VIII: CONTRÔLE DES STOCKS ET ÉLIMINATION DES DYNAMITES**
Ingingo ya 30: Igenzura ry'ububiko, ahantu hari intambi n'inganda	**Article 30: Inspection of stores, dynamites sites and factories**	**Article 30: Inspections des stocks, des sites des dynamites et des usines**

Ingingo ya 31: Kuvanaho intambi	**Article 31: Disposal of dynamites**	**Article 31: Élimination des dynamites**
UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 32: Repealing provision**	**Article 32: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 33: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 33: Commencement**	**Article 33: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/MOJ/AG/19 RYO KU WA 16/07/2019 RIGENA IBISABWA KUGIRA NGO HATANGWE URUHUSHYA RWO GUTUMIZA MU MAHANGA, GUKORA, GUTWARA, GUCURUZA NO GUKORESHA INTAMBI MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

MINISTERIAL ORDER N° 013/MOJ/AG/19 OF 16/07/2019 DETERMINING REQUIREMENTS FOR GRANTING AUTHORISATION TO IMPORT, MANUFACTURE, TRANSPORT, TRADE IN AND USE OF DYNAMITES IN MINING AND QUARRY OPERATIONS

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 013/MOJ/AG/19 DU 16/07/2019 DÉTERMINANT LES CONDITIONS D'OCTROI DE L'AUTORISATION D'IMPORTER, FABRIQUER, TRANSPORTER, COMMERCIALISER ET D'UTILISER DES DYNAMITES DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 44;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 07/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

The Minister of Justice/Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 58/2018 of 13/08/2018 on mining and quarry operations, especially in Article 44;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/06/2019;

ORDERS:

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 58/2018 du 13/08/2018 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en son article 44;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/06/2019;

ARRÊTE:

<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gutumiza mu

<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS

<u>Article One</u>: Purpose of this Order

This Order determines requirements for granting authorisation to import,

<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les conditions d'octroi de l'autorisation d'importer,

mahanga, gukora, gutwara, gucuruza no gukoresha intambi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1 º **ibijyana n'intambi:** ibintu byose byifashishwa kugira ngo intambi zikoreshwe neza mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

2 º **umuyobozi ubifitiye ububasha:** umuyobozi w'urwego rwa Leta rufite mine na kariyeri mu nshingano zarwo;

3 º **urutambi:** ikintu cyangwa igikoresho icyo ari cyo cyose muri cyo ubwacyo gishobora, kubera ubutabire, kubyara imyuka ya gazi ku gipimo cy'ubushyuhe n'imbaraga ndetse no ku muvuduko byatuma ibigikikije byangirika n'iyo nta myuka ya gazi cyangwa ikindi kintu gisohoye;

4 º **ahantu hari intambi:** ahantu habikwa intambi by'igihe gito mbere y'uko zikoreshwa, mu gihe zitegereje gukoreshwa cyangwa ahaturikirizwa intambi;

5 º **uwahawe uruhushya:** umuntu ufite uruhushya rwo gutumiza,

manufacture, transport, trade in and use of dynamites in mining and quarry operations.

Article 2: Definitions

In this Order, the following terms are defined as follows:

1 º **accessories of dynamites:** all materials used to facilitate the effective use of dynamites in mining and quarry operations;

2 º **competent authority:** head of the public entity in charge of mines and quarries;

3 º **dynamite:** any article or material which is in itself capable by chemical reaction of producing gas at such a temperature and pressure and at such a speed as to cause damage to surroundings even when it does not evolve gases and any other substance;

4 º **dynamites site:** a place where dynamites are temporarily kept before they are used, pending to be used or a place used as blasting area;

5 º **licence holder:** a person who holds a licence to import, export, transport, manufacture, trade in,

fabriquer, transporter, commercialiser et d'utiliser des dynamites dans l'exploitation des mines et carrières.

Article 2: Définitions

Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1 º **accessoires des dynamites:** tous les matériaux facilitant l'utilisation des dynamites dans l'exploitation des mines et carrières;

2 º **autorité compétente:** le responsable de l'entité publique ayant les mines et carrières dans ses attributions;

3 º **dynamite:** tout article ou matériau qui, par lui-même, est capable, par réaction chimique, de produire du gaz à une température, à une pression et à une vitesse susceptible d'endommager l'entourage, même quand il ne dégage pas de gaz ou toute autre substance;

4 º **site des dynamites:** zone où les dynamites sont temporairement conservées avant leur utilisation ou en attente d'utilisation ou zone de dynamitage;

5 º **titulaire d'un permis:** une personne possédant un permis d'importer, exporter, transporter,

kohereza mu mahanga, gutwara, gukora, gucuruza, gukoresha, kubika cyangwa gutanga serivisi zifitanye isano n'intambi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

6 º **Minisitiri:** Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano ze;

7 º **ububiko bw'Igihugu bw'intambi:** ahantu hagenwe na Minisitiri ho kurwego rw'igihugu kuba ububiko bw'intambi zinjira mu Rwanda zitumijwe mu mahanga;

8 º **ikorwa:** gukora, gucamo ibice intambi hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose, guhindura ubwoko bw'urutambi, gukora urutambi neza kugira ngo rukoreshwe cyangwa gusana urutambi;

9 º **umuntu:** umuntu ku giti cye, sosiyete cyangwa koperative y'ubucuruzi bikora mu byerekeranye n'intambi.

Ingingo ya 3: Intambi zishobora gukoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Intambi zishobora gukoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ni izifite umuvuduko urenze

use, store or provide services related to dynamites for mining or quarry operations;

6 º **Minister:** Minister in charge of internal security;

7 º **national dynamite store:** a site designated by the Minister, at the national level, for safe storage of imported dynamites;

8 º **manufacture:** on site making of a dynamite, division of any dynamite from or into, its components by any process, conversion of a dynamite into another kind of dynamite, alteration, fitting for use or repair of any dynamite;

9 º **a person:** an individual, a company or a cooperative that deals with activities related to dynamites.

Article 3: Dynamites that may be used in mining and quarry operations

Dynamites that may be used in mining and quarry operations are those with speed

fabriquer, commercialiser, utiliser, stocker ou fournir des services liés aux dynamites destinées à l'exploitation des mines et carrières;

6 º **Ministre:** Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions;

7 º **stock national:** site désigné par le Ministre pour le stockage des dynamites importées au Rwanda;

8 º **fabrication:** fabrication sur place de dynamite, la division de dynamite, changement de type ou de ses composantes, la conversion de dynamite en une sorte de dynamite, modification, adQptation d'une dynamite pour utilisation ou sa réparation;

9 º **personne:** personne physique, société commerciale ou coopérative opérant dans des activités relatives aux dynamites.

Article 3: Dynamites pouvant être utilisées dans l'exploitation des mines et carrières

Les dynamites pouvant être utilisées dans l'exploitation des mines et carrières sont celles ayant la vitesse de réaction

metero ibihumbi bibiri mu isegonda (2000 m/s).

Ingingo ya 4: Ububasha bwa Minisitiri

Minisitiri cyangwa undi muntu yabihereye uruhushya ashobora:

1 º kwinjira, kugenzura no gusuzuma ahantu hari intambi;

2 º kugenzura ibikorwa mu kurinda umutekano w'ahantu hari intambi;

3 º gukora iperereza ku birebana n'ahantu hari intambi n'ahahakikije, harimo:

a. gusuzuma ibisabwa mu kubika, gutwara cyangwa gukoresha intambi;

b. gusuzuma ibibazo byerekeye ubuzima n'umutekano by'abantu bakoreshwa mu gutunganya, mu kubika, mu gutwara cyangwa mu gukoresha intambi;

c. gusuzuma ibibazo byerekeye ubuzima n'umutekano by'abantu baturiye ahantu hari intambi;

4 º gufata cyangwa kuvana intambi, ibikoresho, ibinyabutabire n'ibindi bintu byifashishwa ahantu hari intambi hagamijwe isesengura

beyond two thousand meters per second (2000 m/s).

Article 4: Powers of the Minister

The Minister or any other person authorized by him or her may:

1 º enter, inspect and examine a dynamite site;

2 º inspect security arrangements at the dynamite site;

3 º conduct investigations in respect of a dynamite site and its surroundings, including:

a. examining conditions of storage, transportation or use of dynamites;

b. examining matters relating to the health and safety of persons employed in handling, storage, transportation and use of dynamites;

c. to examine matters relating to the health and safety of surrounding community;

4 º take or remove dynamites, equipment, chemicals and other substances from a dynamites site for the purpose of analysis or

supérieure à deux mille mètres par seconde (2000 m/s).

Article 4: Pouvoirs du Ministre

Le Ministre ou toute personne autorisée par lui peut:

1 º entrer, inspecter et examiner un site des dynamites;

2 º inspecter les dispositions de sécurité sur le site des dynamites;

3 º faire des enquêtes sur un site des dynamites et ses alentours, y compris:

a. examiner les conditions de stockage, de transport ou d'utilisation des dynamites;

b. examiner des questions relatives à la santé et à la sécurité des personnes employées pour la manipulation, le stockage, le transport ou l'utilisation des dynamites;

c. examiner des questions relatives à la santé et à la sécurité de la communauté environnante;

4 º emporter ou enlever les dynamites, l'équipement, les produits chimiques et autres substances provenant d'un site des dynamites

cyangwa igerageza cyangwa ikoreshwa nk'ikimenyetso gifitanye isano no kurenga ku biteganywa n'iri teka;

5 º kugenzura, gufata ibice cyangwa gukora kopi z'igitabo cyangwa inyandiko bifitanye isano n'ubwikorezi, ububiko cyangwa imikoreshereze y'intambi;

6 º gukuraho uruhushya mu gihe uwaruhawe anyuranyije n'ibiteganyijwe n'iri teka;

7 º gutegeka ihagarikwa ry'igikorwa gifitanye isano n'intambi no kwimura abaturage ahantu bifatwa ko habateza akaga;

8 º gutegeka isubika ry'ikoreshwa ry'igikoresho icyo ari cyo cyose cyangwa ubundi buryo bukoreshwa bidatanga umutekano kugeza igihe ingamba zisabwa kandi ziteganywa muri iri teka zifashwe kandi zikubahirizwa;

9 º gukoresha iperereza ku mpanuka cyangwa ku kintu cyabaye gifitanye isano n'intambi.

testing or use in evidence in connection with a breach of the provisions of this Order;

5 º inspect, take extracts or make copies of a record or document relating to transportation, storage or use of dynamites;

6 º cancel the licence in case the holder breaches any provisions of this Order;

7 º order the cessation of an operation relating to dynamites and the withdrawal of persons from an area considered dangerous;

8 º order the discontinuation of the use of any equipment or appliance that is considered unsafe until action required and specified in this Order is taken and fully complied with;

9 º conduct investigation into an accident or incident related to dynamites.

à des fins d'analyse ou de test ou de preuve en rapport avec la violation des dispositions du présent arrêté;

5 º inspecter, prendre des extraits ou faire des copies d'un dossier ou d'un document concernant le transport, le stockage ou l'utilisation des dynamites;

6 º annuler le permis en cas de violation par le titulaire de l'une des dispositions du présent arrêté;

7 º ordonner la cessation d'une opération relative aux dynamites et le retrait des personnes d'une zone considérée comme dangereuse;

8 º ordonner l'interruption de l'utilisation de tout équipement ou appareil considéré comme dangereux jusqu'à ce qu'une action requise et spécifiée dans le présent arrêté soit prise et pleinement respectée;

9 º mener une investigation sur un accident ou un incident lié à des dynamites.

Ingingo ya 5: Kumenyekanisha impanuka cyangwa ikindi kintu cyabaye

Uwahawe uruhushya agomba guhita amenyekanisha impanuka cyangwa ikintu cyabaye kirimo intambi kuri sitasiyo ya

Article 5: Reporting of an accident or an incident

A holder of a licence must immediately report any accident or incident as a result of the use of dynamites to the nearest police

Article 5: Déclaration d'un accident ou d'un incident

Un titulaire d'un permis doit immédiatement déclarer un accident ou un incident résultant de l'utilisation des

polisi imwegereye cyangwa ku yindi serivisi y'umutekano iyo impanuka cyangwa icyo kintu cyabaye.

Impanuka cyangwa ikintu kibaye kirimo imikoreshereze y'intambi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikubiyemo igikorwa icyo ari cyo cyose:

1 º gituma habaho itakara rikomeye ry'ibikirimo bitera ibikomere cyangwa ukwangirika cyangwa impagarara mu bantu baturiye ahari intambi;

2 º gitera cyangwa gituma habaho ituritswa ritateganyijwe cyangwa inkongi y'umuriro, harimo ibibanziriza inkongi bimeze nk'umwotsi, ubushyuhe bukabije cyangwa ahakomotse ibishashi;

3 º gituma habaho iyanduza cyangwa ihumanya riturutse ku ikoreshwa cyangwa ivanwaho ry'intambi;

4 º gituma habaho ituritswa mbere y'igihe;

5 º gitera kwiba cyangwa kugerageza kwiba intambi cyangwa ibijyana na zo;

6 º gitera igeragezwa ririmo ubugome ryo kubuza imikorere y'ahantu hari intambi.

station or any other security service in case the accident or incident occurs.

An accident or incident arising from the use of dynamites mentioned in paragraph one of this article includes any activity that:

1 º results in significant loss of containment which causes injury or damage or concern in the surrounding community;

2 º causes unplanned explosion or fire, including precursors to fire in the form of smouldering, overheating or source of ignition;

3 º causes contamination or pollution arising from the use or disposal of dynamites;

4 º causes premature detonation;

5 º causes theft or attempted theft of dynamites or accessories;

6 º causes hostile attempt to sabotage at the dynamites site.

dynamites à la station de police la plus proche ou à tout autre service de sécurité.

Un accident ou un incident résultant de l'utilisation des dynamites mentionné à l'alinéa premier du présent article inclut toute activité qui:

1 º entraine une perte de confinement qui peut causer des blessures ou des dommages ou l'inquiétude dans la communauté environnante;

2 º cause une explosion imprévue ou un incendie, y compris des précurseurs susceptibles de se déclencher sous forme de combustion lente, de surchauffe ou de source d'inflammation;

3 º cause une contamination ou pollution résultant de l'utilisation ou de l'élimination des dynamites;

4 º cause une détonation précoce;

5 º cause un vol ou tentative de vol des dynamites ou d'accessoires;

6 º cause une tentative hostile de sabotage sur le site des dynamites.

UMUTWE WA II: GUTUMIZA INTAMBI MU MAHANGA

Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga

Umuntu ushaka gutumiza mu mahanga intambi zo gukoresha mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba gusaba Minisitiri uruhushya mu nyandiko.

Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutumiza intambi mu mahanga

Umuntu ushaka gutumiza mu mahanga intambi zo gukoresha mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba :

1 º kuba afite abakozi bafite ubumenyi bwihariye mu byerekeranye n'intambi;

2 º Kuba afite gahunda isobanutse yo guturitsa intambi;

3 º Kuba afite umwanya w'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wemewe.

Ingingo ya 8: Ibikubiye mu busabe bw'uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 7 y'iri teka, ubusabe bw'uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga bugomba kuba bukubiyemo:

CHAPTER II: IMPORTATION OF DYNAMITES

Article 6: Application for a licence to import dynamites

A person who intends to import dynamites for use in mining and quarry operations must apply in writing for a licence to the Minister.

Article 7: Requirements for issuance of the licence to import dynamites

Any person who intends to import dynamites for use in mining and quarry operations must:

1 º have the required personnel with special skills in matters related to dynamites;

2 º have a well prepared blasting plan;

3 º have an authorized site for mining or quarry operations.

Article 8: Contents of the application file for a licence to import dynamites

Without prejudice to provisions of article 7 of this order, the application file for a licence to import dynamites must contain:

CHAPITRE II: IMPORTATION DES DYNAMITES

Article 6: Demande d'un permis d'importation des dynamites

Une personne qui veut importer des dynamites à utiliser dans l'exploitation des mines et carrières doit demander, par écrit, le permis au Ministre.

Article 7: Conditions requises pour l'octroi d'un permis d'importation des dynamites

Toute personne qui désire importer des dynamites pour son utilisation dans l'exploitation des mines et carrières doit:

1º avoir le personnel requis avec des compétences spéciales en matières des dynamites;

2º avoir un plan de dynamitage bien préparé;

3º avoir un site autorisé pour l'exploitation des mines ou carrières.

Article 8: Éléments contenus dans la demande d'un permis pour importer des dynamites

Sans préjudice des dispositions de l'article 7 du présent arrêté, la demande d'un permis pour importer des dynamites doit contenir:

1 º icyemezo cy'iyandikisha ry'ubucuruzi imbere mu Gihugu cy'usaba;

2 º ibaruwa ishyigikira ubusabe itangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha;

3 º ibisobanuro birambuye by'ubwoko bw'intambi zitumizwa mu mahanga;

4 º inyandiko igaragaza igihugu intambi zikomokamo;

5 º inyandiko isobanura icyo intambi zizakoreshwa;

6 º inyanndiko igaragaza ingano y'intambi zizatumizwa;

7 º raporo y'imikoreshereze y'uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga yari asanganywe, iyo bishoboka;

8 º inyandiko yemeza ko amakuru yatanzwe n'usaba ari ukuri.

Ingingo ya 9: Gutanga uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga

Iyo Mininisitiri asanze uwasabye uruhushya yubahirije ibisabwa mu ngingo ya 7 n'iya 8 z'iri teka arumuha arumuha mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda

1 º a local business registration certificate of the applicant;

2 º a recommendation letter of the competent authority;

3 º a detailed description of the type of dynamites to be imported;

4 º a document indicating the country of origin of the dynamites;

5 º a document explaining the intended use of the dynamites;

6 º a document indicating the quantity of dynamites to be imported;

7 º a report on the use of any previous authorisation to import dynamites, where applicable;

8 º a declaration of the applicant that the information provided is accurate.

Article 9: Issuance of the licence to import dynamites

The Minister issues the licence to the applicant in a period not exceeding ninty (90) days counted from the day of reception of the application if he or she believes that

1 º un certificat d'enregistrement commercial local du demandeur;

2 º une lettre de recommandation de l'autorité compétente;

3 º une description détaillée du type des dynamites à importer;

4 º un document indiquant le pays d'origine des dynamites;

5 º un document expliquant l'objet de l'utilisation des dynamites;

6 º un document indiquant la quantité des dynamites à être importées;

7 º un rapport d'utilisation de l'autorisation antérieure d'importer des dynamites, le cas échéant;

8 º une déclaration indiquant que les informations fournies par le demandeur sont exactes.

Article 9: Octroi du permis d'importation des dynamites

Le Ministre octroie le permis au demandeur endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter du jour de réception de la demande s'il estime que le demandeur

(90) ibarwa uhereye ku munsi yaboneyeho ubusabe.

Ingingo ya 10: Igihe uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga rumara

Uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga rukoreshwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 11: Kwanga gutanga uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga

Minisitiri ashobora kwanga guha uwasabye uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga uvugwa mu ngingo ya 6 iyo :

1 º uwasabye uruhushya atanze amakuru atariyo, yanze kugaragaraza impamvu ifatika cyangwa atanze amakuru ayobya cyangwa impampuro z'impimbano zerekeranye n'ubusabe ;

2 º uwasabye uruhushya yahamijwe icyaha gihanishwa igifungo kiri hejuru y'amezi atandatu (6), iyo usaba ari umuntu ku giti cye;

3 º uwasabye uruhushya afite uburwayi bwo mu mutwe, cyangwa;

4 º Iyo hari izindi mpamvu zerekeranye n'umutekano w'igihugu.

the applicant fulfils the requirements mentioned in articles 7 and 8 of this order.

Article 10: Validity of the licence to import dynamites

The licence to import dynamites is used only once.

Article 11: Refusal to issue the licence to import dynamites

The Minister may refuse to issue the licence to the applicant to import the dynamites under article 6 if:

1 º the applicant falsely provides, conceals any material fact or submits misleading information or forged documents relating to application;

2 º the applicant was convicted of an offence punishable by a term of imprisonment of more than six (6) months, if the applicant is an individual;

3 º the applicant is mentally abnormal, or;

4 º there exists any other national security concerns.

remplit les conditions mentionnées aux articles 7 et 8 du présent arrêté.

Article 10: Validité du permis d'importation des dynamites

Le permis d'importation des dynamites est utilisé une seule fois.

Article 11: Refus d'octroyer le permis d'importation des dynamites

Le Ministre peut refuser d'octroyer au demandeur du permis d'importation des dynamites mentionné à l'article 6 lorsque:

1º le demandeur fournit une information fausse, dissimule à un fait important ou soumet des informations trompeuses ou de faux documents en rapport avec la demande;

2º le demandeur a été déclaré coupable d'une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement de plus de six (6) mois, s'il est un particulier;

3º le demandeur a une déficience mentale, ou;

4º il existe d'autres problèmes de sécurité nationale.

Minisitiri agomba, mu nyandiko, kumenyesha uwasabye uruhushya rwo gutumiza intambi icyemezo cyo kwanga kumuha urwo ruhushya n'impamvu z'icyo cyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) ibarwa uhereye ku munsi yashyikirijwe ubusabe.

The Minister is required to inform the applicant of the decision to refuse to issue the licence to import dynamites and justifications for the decision in a period not exceeding ninty (90) days counted from the day of reception of the application file.

Le Ministre est tenu d'informer le demandeur de la décision de refus d'octroi du permis d'importation des dynamites et des justifications de la décision endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter du jour de la reception du dossier de demande.

Ingingo ya 12: Ubugenzuzi bw'intambi zatumijwe mu mahanga

Minisitiri ashobora kugena abagenzuzi b'intambi zatumijwe mu mahanga bashinzwe gukora ubugenzuzi bw'izo ntambi zikoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri kugira ngo bagenzure ko izo intambi zatumijwe mu mahanga zujuje ibisabwa.

Article 12: Inspection of imported dynamites

The Minister may designate inspectors of imported dynamites to conduct regular inspections to ensure that dynamites imported in Rwanda for use in mining and quarry operations conform to the requirements.

Article 13: Inspection des dynamites importées

Le Ministre peut désigner des inspecteurs des dynamites importées pour effectuer des inspections régulières afin de s'assurer que les dynamites importées au Rwanda à utiliser dans l'exploitation des mines et carrières se conforment aux conditions requises.

Ingingo ya 13: Ububasha bw'abagenzuzi

Umugenzuzi w'intambi afite uburenganzira busesuye bwo kwinjira mu bubiko bw'Igihugu, mu nyubako iyo ariyo yose, ahantu, ku nyandiko, ku byuma bibitse amakuru mu rwego gushyira mu bikorwa iri teka.

Article 13: Powers of inspectors

An inspector of dynamites has full and free access to a national dynamite store, any building, place, documents, and data storage devices for purposes of administering this order.

Article 13: Pouvoirs des inspecteurs

Un inspecteur des dynamites a un accès complet et libre à un stock national, à tout bâtiment, lieu, documents et dispositifs de stockage de données aux fins de l'administration du présent article.

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umugenzuzi ashobora:

1 º gusaba uwahawe uruhushya kwerekana ibitabo cyangwa izindi nyandiko harimo n'amakuru abitswe muri mudasobwa cyangwa izindi nyandiko zaba ku mpapuro

Subject to provisions of paragraph one of this article, an inspector may:

1 º require any licence holder to produce any books or other documents, including computerized data or other records whether in print or electronic format;

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, un inspecteur peut:

1º requérir un titulaire du permis de produire des livres ou autres documents, y compris des données informatisées ou d'autres documents soit imprimés ou sous forme électronique;

cyangwa zaba ziri mu buryo bw'ikoranabuhanga;

2 º gusaba uwahawe uruhushya cyangwa undi muntu ushinzwe intambi ze gutanga indobanywa z'intambi cyangwa ibice byazo mu gihe cyo gukora intambi, iyo bibaye ngombwa;

3 º gusuzuma ibitabo cyangwa izindi nyandiko harimo n'amakuru abitswe muri mudasobwa cyangwa izindi nyandiko zaba ari izicapye cyangwa iziri mu ikoranabuhanga, no gutwara uduce tw'ibyo bitabo cyangwa izo nyandiko;

4 º gufatira ibitabo cyangwa izindi nyandiko harimo n'amakuru abitswe muri mudasobwa cyangwa izindi nyandiko, inyubako, igikoresho cyangwa ikindi kintu cyose gishobora kuba gifite cyangwa gikekwaho kuba gifitanye isano n'icyaha gishobora kuba cyakozwe;

5 º gusaba uwahawe uruhushya cyangwa abakozi be gutanga ibisobanuro kuri ibi bikurikira:

a) ibitabo, inyandiko cyangwa ikindi kintu, cyangwa ;

2 º require the licence holder or any other person in charge of his or her dynamites to furnish, for purposes of analysis or test, samples of dynamites or components of dynamites during the manufacturing, where applicable;

3 º examine any books or other documents including computerized data; or other records, whether in print or electronic format, and take extracts from such books, documents or records;

4 º seize any books or other documents including computerized data or other records, facility, apparatus, equipment, device or any other item which contains or is reasonably suspected to contain information related to any offence suspected to have been committed;

5 º require any licence holder or his or her employees to answer questions relating to:

a) any book, document or other record, or any other item; or

2º requérir un titulaire du permis ou toute autre personne responsable de ses dynamites à fournir, à des fins d'analyse ou de test, des échantillons des dynamites ou des composants des dynamites lors de la fabrication, le cas échéant;

3º examiner des livres ou autres documents, y compris des données informatisées ou d'autres soit documents imprimés ou sous forme électronique et prendre des extraits de ces livres ou documents;

4º saisir des livres ou autres documents y compris des données informatisées ou autres documents, des installations, appareils, équipements, dispositif ou tout autre objet qui contient ou qui est raisonnablement suspecté de contenir des informations relatives à une infraction suspectée avoir été commise;

5º requérir un titulaire du permis ou ses employés à répondre aux questions concernant:

a) tout livre, document ou autre enregistrement ou tout autre objet; ou

b) ikindi kintu cyose umugenzuzi abona ko ari ngombwa

6 º gusaba uwahawe uruhushya cyangwa umuhagarariye gufungura kontineri irimo intambi, ibahasha, ipaki cyangwa ibindi bikoresho biri muri iyo nyubako irimo intambi.

Iyo bidashoboka gutwara ikintu, igitabo cyangwa indi nyandiko harimo n'amakuru abitswe muri mudasobwa yaba ari acapye cyangwa ari mu ikoranabuhanga byafatiriwe nk'uko biteganywa mu gace ka 4º k'igika cya 2 cy'iyi ngingo kubera imiterere cyangwa ingano zabyo, umugenzuzi agomba mu buryo ubwo ari bwo bwose, gufunga icyo kintu, igitabo cyangwa indi nyandiko yose harimo amakuru abitswe muri mudasobwa cyangwa izindi nyandiko biri muri iyo nyubako cyangwa kontineri.

Ingingo ya 14: Gufatira intambi zakoreshejwe mu ikorwa ry'icyaha

Iyo umugenzuzi yinjiye ahantu cyangwa mu nyubako agasanga hari intambi zakoreshejwe mu ikorwa ry'icyaha, izo ntambi zirafatirwa.

Ingingo ya 15: Kudahabwa uburenganzira bwo kugera ahantu

Iyo umugenzuzi adashoboye kubona uburenganzira ku buryo bworoshye bwo

b) any other item the inspector finds necessary;

6 º require, at the expense of the licence holder or his or her representative to open and examine any container of dynamites, envelope, package or other items and materials in such premises of dynamites.

